# 327: Ni byiza kureb' ab'Imana

1.
Ni byiza kureb' ab'Imana Baterana bakundanye; Mwuka Wera naw' ubakunda.Ubazenguruts' umucyo. Gusenga n'indirimbo byabo Bitumbagira mw ijuru.

2.
Iyo bagez' imbere yawe, Baje gusangira nawe, Urukundo ruva mw ijuru Rurabanezeza cyane; Imitima yabo yizeye Ijy' igusingiz' iteka.

3.
Ubwo bugingo bubeshaho Abacunguwe ba hose, Imitima yab' inezezwa N'ukw ihor'ibon' ibyiza. Itorero ryawe ritunze Ubuntu bwawe busaga.

4.
Mana y'urukund' utwigishe Gukundana neza rwose, Ngo duhabw' Ibyokurya Byera,Tweger' Uruhimbi rwawe. Irari ry'imitima yacu rib'iryo guhazwa cyane

Visit us at indirimbo.com